

**SERVISI ZITANGIRWA MU ISHAMU RYO GUTEZA IMBERE ISHORAMARI,  
AMAKOPERATIVE N'UMURIMO ( Business Development and Employment)**

- Guhuza ibikorwa birebana no guhangamira imirimo n'ibikorwa by'abikorera;
- Guteza imbere umuco wo kwikorera;
- Gahunda y'ubujyanama mu bucuruzi (Business Development Advisor) : Muri buri Murenge hari abajyanama babiri (BDA) bafasha abashaka gutangira imishinga ibyara inyungu, gukora imishinga ishobora kubona inguzanyo mu bigo by'imari. Kuri iyi Servisi yo gukorerwa umushinga , nyiri ugukoresha umushinga yishyura 30 % gusa andi akayishyurirwa mu buryo bwa Nkunganire (Voucher) binyuze mu Murenge SACCO;
- Gufasha imishinga y'abize ubumenyi ngiro kubona inguzanyo y'ibikoresho byo kubafasha gutangira akazi. Ku nkunga Leta yanyujije muri BDF, iyi servisi itangirwa mu Mirenge SACCO ibiri (Sake na Kibungo). Ku nguzanyo y'ibikoresho itarengeje ibihumbi Magana atanu (500,000), umuntu ku giticye yishyura 50 % gusa asigaye akayishyurirwa na Leta binyuze muri BDF. Iyo ari itsinda ry'abantu icumi, bashobora kubona inguzanyo y'ibikoresho itarengeje miliyoni eshanu (5,000,000 Frw) rikishyura 50 % gusa;
- Gufasha abagore n'urubyiruko bafite imishinga mito n'iciriritse , bageza imishinga myiza mu bigo by'imari ariko bafite ikibazo cy'ingwate ntoya , kubona ingwate muri BDF, itarengeje 75 % kugira ngo babone uko bashyira mu bikorwa imishinga yabo.
- Gufasha abashaka gushinga amakoperative, kuzuza ibisabwa kugirango babone ubuzima gatozi;
- Gukurikirana no gutanga amahugurwa ku makoperative akora;
- Gukangurira abashoramari gushora imari mu Karere, herekanwa amahirwe ahari yabyazwa umusaruro;
- Guhuza amakoperative y'abahinzi n'abaguzi;
- Gushishikariza abikorera n'abaturage muri rusange gukorana n'ibigo by'imari.